REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA RULINDO
Ref.: Rulindodistrict@rulindo.gov.rw

ITANGAZO

Hashingiwe ku iteka rya Perezida N°24/01 ryo kuwa 24/11/2016 rishyiraho Sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye, mu ngingo yayo ya 24 ivuga ku iyimurwa ry'umwarimu(Transfer of a teacher).

Ubuyobozi bw'akarere ka Rulindo buramenyesha abarimu bifuza guhindura ibigo bigishaho, haba imbere mu Karere, haba abashaka kujya mu tundi turere bavuye mu Karere ka Rulindo, n'abava mu tundi turere baza mu Karere ka Rulindo, ko amabaruwa abisaba agomba kuba yagejejwe mu bunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze kuwa Gatanu tariki ya 08/11/2019 saa cyenda z'umugoroba(15 :00 PM). Uzarenza iki gihe cyavuzwe haruguru ubusabe bwe ntibuzakirwa.

Icyitonderwa : Ibaruwa isaba guhindura ikigo igomba kuba iriho kopi y'impamyabushobozi, kopi y'indangamuntu na Kopi y ' ibaruwa ishyira umwarimu mu kazi. Kubava mu tundi turere bashaka kuza mu karere ka Rulindo bagomba kubanza gusinyisha ku Karere baturutsemo nk'ibisanzwe .

Bikorewe I Rulindo kuwa 01/10/2019

KAYIRANGA Emmanuel
Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo

Scanned by CamScanner